**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

# ITANGAZO RYO KUVUGURURA LISITI Y'ITORA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko mu rwego rwo kwitegura amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite ateganyijwe muri Nyakanga 2024, hari igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora kuva tariki **14 Mata kugeza kuya 05 Gicurasi 2024** mu Rwanda hose.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashishikariza Abanyarwanda bose bagejeje igihe cyo gutora, ni ukuvuga abavutse mbere y'umwaka w' 2006, kwihutira kwireba no kwikosoza ku ilisiti y'itora mu midugudu batuyemo, kugirango bazabashe gutora.

**By'umwihariko abantu bimutse aho batoreraga barasabwa kwihutira kwiyandikisha aho ilisiti ikosorerwa kugirango babashe kwimurirwa aho bifuza kuzatorera cyangwa bakiyimura bakoresheje telefone: Ukanda *169# ugakurikiza amabwiriza**

Abanyeshuri biga bacumbitse mu bigo by'Amashuri bafite imyaka yo gutora bazaba bari mu mashuri igihe cy'itora biyandikisha ku ilisiti y'Umudugudu ikigo cy'ishuri ryabo kirimo ari naho bazatorera muri Nyakanga 2024.

Bikorewe i Kigali kuwa 15 Mata 2024

**GASINZIGWA Oda**

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

P.o Box: 6449 Kigali
E-mail: info@nec.gov.rw Website: www.nec.gov.rw